

20121031-033 Hagenimana, Jacqueline

Nom: Hagenimana
Prenom: Jacqueline
Cellule: Muremera
Secteur: Munanira
Commune: Masango
Prefecture: Gitarama
Amazina y'ababyeyi: Zimurinda Augustin
Et
Mukantagara Virginie

Uko byangendekeye muntambara 94

Ubundi intambara ijya kuba yabanje ku Kibuye tukabona abandi bahunga babatemaguye. Ubwo natwe bakaza kudutwarira inka, baradusenyerera. Duhita duhungira muri Paroise ya Nzuki, dusangayo abo batemaguye gusa naho barahadusanga tujya kwihisha mubihuru duhita tujya kwa nyogokuru dusanga naho ntibaryama. Ubwo turagenda tujya mukiriziya muri Mukingi. Badufungiramo noneho abatoya tujya aho padiri yambarira baradufungirana, abacecuru basigara mukiriziya bazaza babasangamo barabica. Twebwe ntibagera aho turi. Nimugoroba baba kumenyako twarimo twumva bavuzza amafirimbi. Abaririmbyi bari bahazi bajya kuduhisha mubihuru. Banga kutujyana iwabo ngo batatwica. Ubwo [b]iwacu sinarinzi aho bari. Narinzi ko bapfuye bose. Ubwo nkabandi jyenyine mu gihuru kandi nari mfite imyaka 9. Mva mu gihuru ndagenda nsanga abantu kwirembo ndababwira ngo bampise baranyemerera mpasanga abandi bantu 11 bahishe. Ubwo badufungurirana mu cyumba. Bigeza igihe abandi bigira i Kabgayi mpasigara jyenyine bambaza nkavuga ko naje kubasura. Noneho musaza wa mama mbona baramubwiye ngo nacure umwobo arawucukura baramutaba basigaza umutwe bahita bamukubita agafuni ndataka. Ntase baranyirukankana barambura. Ndakomeza mbaho mfite imibereho idasanzwe ndwara amaga ariko rero bamfata neza. Ubwo Inkotanyi ziba zaraje tukabona abantu b'Ubugesera barahunga bakavuga ngo zirica abantu. Batujyana.....

Amabere ngo zikanabatwika. Ubwo aho mba nabo nkabona bararakara bakajya bantuka buri muni nkajya njya muburiri nkarira gusa kandi ntekeraza ukuntu iwacu bo bapfuye bose. Bakajya bambwira ngo bene wacu bahaba me kandi ngo najye ngiye kubapfiramo bagahora bambwira. None baza guhunga. Nabo uko bari batetse bahita bakura isafuriya ku ziko barayinkorera ngo bene wacu barabishe. Navuga ngo ndashya. Bakantuka, isafuriya idenda itogota kumutwe. Turagenda tugarukira ku Kibuye. Intambara irangiye barataha. Tugeze imuhira, ndakomeza ndahaba mpora mfite agahinda. Ubwo mama wacu amenya aho ndi, aza

kuntwara. Ambonye agira ubwoba narishwe n'agahinda narwaye amaga. Turagenda ankubisha imbagara. Ubwo duhita tujya mukigo cy'imfubi. Ntawavuga uko yabayeho ngo abishobore. Harimo ibyoyibagirwa. Ibinyibi ni nka *res[u]me*.

Murakoze.